

POLISI Y'U RWANDA



ISHAMI RISHINZWE IBIZAMINI NO GUTANGA IMPUSHYA ZO GUTWARA IBINYABIZIGA P.O.BOX 6304 KIGALI

ITANGAZO

1. Ishami rya Polisi rishinzwe ibizamini no gutanga impushya zo gutwara ibinyabiziga riramenyesha abantu bose batsindiye impushya za burundu zo gutwara ibinyabiziga, bakaba barasabye ko bazifatira mu turere tugize Umujyi wa Kigali (**Gasabo, Nyarugenge na Kicukiro**), ko **guhera tariki 30 Ukwakira 2023**, bazajya bazifatira ku biro bya Sitasiyo za Polisi ziherereye muri utwo turere nk'uko bigaragazwa mu gika cya kabiri.
2. Abandikishije impushya za burundu zo gutwara ibinyabiziga basaba ko zasohokera mu karere ka Gasabo, bazajya **bazifatira kuri Sitasiyo ya Polisi ya Kimironko**, mu karere ka Nyarugenge bazajya **bazifatira kuri Sitasiyo ya Polisi ya Rwezamenyo**, naho mu karere ka Kicukiro bazajya **bazifatira mu Busanza** ku cyicaro cy'ishami rya Polisi rishinzwe ibizamini no gutanga impushya zo gutwara ibinyabiziga.
3. Ku bandi bose basabye ko zisohokera hanze y'Umujyi wa Kigali bazakomeza kuzifatira mu turere basabye ko zisohokeramo.

Ukeneye ibindi bisobanuro yahamagara izi nimeru: **118/ 0788311584/ 0788311351**.

Bikorewe i Kigali, kuwa. 26./.../...10./2023

ACP Dr. Steven RUKUMBA

KOMISERI W'ISHAMI RYA POLISI RISHINZWE

IBIZAMINI NO GUTANGA IMPUSHYA ZO GUTWARA IBINYABIZIGA

